**Serivisi zo kwita ku muntu zitangwa n'Umuntu ufite inshingano zo kumwitaho byemewe n'Amategeko (LRI) ziboneka muri izi porogaramu z'ubusonerwe bwo guhererwa ubufasha murugo ndetse no mumuryango mugari umuntu atuyemo:**

**Urwego rw'ubufasha rutangwa n'Ikigo kita ku barwayi bakeneye ubuvuzi bw'igihe kirekire ariko budakabije**

- Gahunda yo gufasha imiryango ibana n'abafite ubumuga (FSW)
- Gahunda yo gufasha abantu bakuru bafite ubumuga bw'imikurire mu bikorwa bya ku manywa (DDAD Waiver)
- Ubumuga bw'imikurire bukenera ubufasha bwihariye Porogaramu y'ubusonerwe bw'ubumuga bw'Imikurire bukenera ubufasha bwihariye (CDD Waiver)

**Urwego rw'Ubuvuzi rutangirwa mu Kigo kita ku Barwayi**

- Porogaramu yo gutangira serivisi mu rungo ndetse no mu muryango mugari umuntu atuyemo zigenewe abasheshakanguhe, ndetse n'abana n'abakuze bafite ubumuga (HCBS Waiver – AD)



Amakuru arambuye ajyanye na serivisi zo kwita ku muntu zitangwa n'Umuntu ufite inshingano zo kumwitaho (LRI Personal Care service) ashobora kuboneka kuri porogaramu ya Gahunda y'Abasheshe Akanguhe n'Abafite Ubumuga (Aged and Disabled - AD Waiver) ndetse na Gahunda y'Abafite Ubumuga bw'imikurire (Developmental Disabilities - DD Waivers) bikubiye mu nyandiko na videwo z'Ishami rishinzwe ubumuga bw'imikurire (DDD) iboneka kurubuga rw'inyandiko z'iri shami, arirwo

https://dhhs.ne.gov/Pages/DD-Resources.aspx.

**Ukeneye ibindi bisobanuro wasura urubuga: https://dhhs.ne.gov/**

Ishami rya Nebraska rishinzwe ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage
Ishami rishinzwe Ubumuga bw'Imikurire

NEBRASKA
Good Life. Great Mission.
DEPT. OF HEALTH AND HUMAN SERVICES

# Kwitabwaho n'umuntu ubyemererewe n'amategeko

## Umuntu ufite inshingano zemewe n'amategeko zo kwita ku wundi Serivisi y'Umuntu wita ku muntu ufite ubumuga (LRI)



DD-PAM-14 9/2025

**Gufasha abantu kubaho ubuzima bwiza**

# Ifishi itangirwaho ubufasha bwihariye

Ibisabwa kugirango umuntu yemererwe guhabwa serivisi zo kwitabwaho n'undimuntu byemewe n'amategeko (LRI) uwo muntu usaba ubufasha, agomba kuba yujuje ibisabwa kugirango ahabwe serivisi zihariye. Ifishi y'ubufasha bwihariye Extraordinary Care Tool (DD-26) yuzuzwa n'Umuhuzabikorwa wa serivisi ari kumwe n'itsinda rishinzwe gukurikirana serivisi z'abagenerwabikorwa (PCP). Iyi fishi igenzura niba umuntu akeneye ubufasha bw'umubiri, bwo gufashwa n'undi muntu kugira ngo arangize igikorwa runaka, ndetse inifashishwa mu kugena amasaha ashobora kwemererwa mu cyumweru.

# Gutangira

Ganiriza umuhuzabikorwa waserivizi wahawe kugirango umusobanurire igituma wifuza iyi serivisi.

# Ese umuntu wita kuwundi byemewe n'amatego (LRI) ni muntu ki?

Umuntu wita kuwundi byemewe n'amatego (LRI) afatwa nk'umubyeyi urera umwana yibyariye cyangwa uwo abereye umubyeyi ariko atabyaye cyangwa uwashakanye n'uwifuza serivisi zo gufashwa.

# Ese serivisi yo guhabwa ubufasha n'undi muntu (LRI) ni iki?

LRI Personal Care ni serivisi iha ababyeyi b'abana bataruzuza imyaka y'ubukure ndetse n'uwashakanye n'umuntu usaba ubufasha uburenganzira bwo gutanga ubufasha bw'umubiri mu bikorwa by'ubuzima bwa buri munsi (ADLs), ibikorwa byo kwita ku buzima, ndetse n'ibindi bikorwa bifasha mu mibereho ya buri munsi (IADLs), haba mu rugo rw'uwo muntu n'ahandi mu muryango mugari, ubu bufasha buhabwa abantu bujuje ibisabwa bigenderwaho mu gutang iyi serivisi yo kwitabwaho byihariye (Extraordinary Care).

## Ingero z'ubufasha bw'ibikorwa by'ubuzima bwaburi munsi (ADL) ndetse n'ibikorwa by'imibereho ya buri munsi (IADL)

- Kumwuhagira
- Kumwambika
- Kumujyana mu bwiherero
- Kumunywesha imiti
- Kumufasha kwimuka ahantu ajya ahandi
- Kumutekera ibyo kurya



# Ibyo kuzirikana

- Umuntu agomba kuba yujuje ibisabwa Kugirango ahabwe serivisi zo kwitabwaho byihariye
- Serivisi yo gufasha umuntu udashoboye kwifasha niyo yonyine umuntu wita kuwundi byemewe n'amatego (LRI) agomba gutanga
- Uyu muntu utanga serivisi yo kwita kubandi agomba kuba yarahawe akazi n'ikigo kibifitiye ububasha, uretse igihe wenda habayeho impamvu yihariye
- Serivisi yo kwitabwaho izajya itangwa hagendewe kubyagaragajwe n'ifishi yo gutangirwa ho serivisi z'ubufasha bwihariye, kandi iyi serivisi ntigomba kurenza amasaha 40 mu cyumweru.
- Serivisi ya LRI Personal Care ikubiyemo gusa imirimo y'ubufasha bw'umubiri kandi isaba gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga igihe itangwa EVV (Electronic Visit Verification). Iyi serivisi ntabwo ikubiyemo kugenzura no gusuzuma umuntu uhabwa ubufasha.
- Gutanga iyi serivisi ntibishoboka igihe izindi serivisi ziri gutangwa, harimo no mu masaha y'ishuri ateganywa n'akarere k'ishuri.
- Iyi serivisi igamije gutuma LRI ashobora gutanga ubufasha mu buryo busimbura ko habaho umuntu uje kumwitaho mu rugo.

